1. RWAMREC ni iki?

RWAMREC (Rwanda Men's Resource Centre) mu magambo arambuye y'Icyongereza ni umuryango w'Abagabo baharanira iterambere ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo binyuze mu guteza imbere imyumvire n'imyitwarire byiza bya kigabo (positive masculinities), mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, no kurengera uburenganzira bwa muntu.
Abanyamuryango ba RWAMREC bizera ko abagabo bashobora kandi bagomba kugira uruhare rugaragara mu gukumira ihohotera, kandi umutekano w'abagore no kubaha imbaraga ni iby'ingenzi mu rwego rwo kuzahura ubukungu bw'u Rwanda.

Icyerekezo
Ibikorwa bya RWAMREC bigamije kubaka umuryango nyarwanda urangwa n'amahoro aho abagore n'abagabo bafatanya inshingano zo guteza imbere urugo, ubuyobozi bwa rubanda n'iz'igihugu muri rusange.

Ikigamijwe

Icyo RWAMREC igamije ni ugukangurira abagabo gushyigikira abagore mu iterambere, guca burundu ihohotera rikorwa n'abagabo, no kubera abandi bagabo urugero rwiza mu myitwarire ya kigabo irangwa n'ubupfura n'ubunyangamugayo.

2. Kuki RWAMREC yavutse?

Hari impamvu eshatu nkuru zatumye uyu muryango utangizwa, kandi ni nazo nkingi y'ibyo dukora kuri ubu mu Rwanda. Izi ni zimwe gusa kandi nke mu zindi mpamvu nyinshi, ariko ni zo z'ingenzi:

Impamvu ya 1: Hashingiwe ku mibare yagiye igaragazwa na polisi n'ubundi bushakashatsi butandukanye, abagabo nibo benshi mu bahohotera Abagore n'Abana mu Rwanda.
Impamvu ya 2: Mu Rwanda akenshi ijambo "gender", ryakundaga kumvikana ko ari gahunda z'Abagore gusa, abagabo bakumva ko bitabareba.
Impamvu ya 3: Hakunze kugaragara imyumvire n'imyitwarire yemerwa nk'iya kigabo itari myiza (forms of negative masculinities) bigira ingaruka ku mibereho n'ubuzima bw'abagabo ubwabo.

3. Impamvu z' Uburyo"Boys4Change"cyangwa **"Abahungu baharanira impinduka"**
Hagendewe k'ubushakashatsi RWAMREC yakoze mu 2010 bwagaragaje ko abagore barenga kimwe cya kabiri (57.2%) mu Rwanda bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Muriabo 91% bahohotewe n'abagabo. Hagaragaye ko abakobwa bahohoterwa bitewe n'amatwara ashingiye mu muco afatwa nk'aya kigabo, ndetse n'imyitwarire ifatwa nk'iy'abagore aho basabwa kwihanganirano kutavuga ihohoterwa bakorerwa.
Mu Rwanda haracyemerwa ko umugabo/Umuhungu ari umuyobozi mu rugo, akarufatira ibyemezo, akarurinda akanaruhahira. Aya matwara yose yatumye biba nk'aho ari ihame ko abagabo/abahungu bumva ko bari hejuru y'abagore/Abakobwa, bikemerwa bityo mi miryangoitandukanye kandi bikagira n'ingaruka ku gaciro n'uburenganzirabwabo nk'abantu.

Boys4Change Model

Bagabo, basore, tubigizemo uruhare ihohoterwa rishingiye kugitsina ryacika burundu

Rwanda Men's Resource Centre (RWAMREC)
Legal Status: Ministerial order n^{0} 114/11 of 3/9/2008
P.O. Box 5768, Kigali, Rwanda – REMERA-KISIMENTI.
YUUSSA Building, 2nd Floor, Tel:
+250788381183/+250788381184
E-mail:info@rwamrec.org Website: www.rwamrec.org

Hashingiwe kuri izi ngingo PLAN RWANDA muri gahunda yayo yo guteza imbere uburezi bw'umwana w'umukobwa iri gufatanya na RWAMREC mu guhindura imyitwarire mibi yemerwa nk'iya kigabo cyane cyane igira ingaruka ku myigire y'abakobwa, ndetse n'abahungu ubwabo. Ikigamijwe ni ugusobanurira abahungu, rubanda rukikije ishuli ndetse no gukora ubuvugizi ku rwego rw'igihugo ku uruhare rukomeye imyitwarire mibiyemerwamu muco nk'iya kigabo igira ku burezi n'uburyo abahungu/abagabo bagira mu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse no kurandura burundu ihohoterwa rikorerwa abakobwa n'abagore.
Muri uyu mushinga ".....", ubu buryo buzifashishwa mu guteza imbere imyifatire myiza ku bahungu (positive masculine behaviours) mu mashuri yisumbuye 41 harimo 20 yo mu karere ka Gatsibo na 21 yo mu karere ka Bugesera.

Intego z'uburyo "Boys4Change"

- Kongerera ubushobozi abahungu bagize itsinda (Boys4Change club) k'uruhare rwabo muguteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, babinyujije cyane cyane mu guteza imbere imyifatire n'imyitwarire myiza nk'abahungu;

- Guhugura itsinda ry'abarezi, ababyeyi n'abavuga rikumvikana kugirango bazafatanye n'abanyeshuri mu guhindura imyifatire n'amatwara mabi yemerwa nk'aya kigabo(negative masculinities) haba ku ishuri, mu nzira abana banyuramo bajya kwiga, mu ngondetse nomu muryango mugari;
- Kwigisha abaturiye ishuri uruhare rw'umuhungu/umugabo mu kwimakaza umuco w'ubwuzuzanye n'uburinganire no kurandura ihohoterwa rishingiye ku gitsina,n'izindi mbogamizi zose zibangamira imyigire;

Ubusobanuro bw'Amagambo

Ihohoterwa rishingiye ku Gitsina

Ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikorerwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina no ku mutungo, kubera ko ari uw"igitsina gore cyangwa uw"igitsina gabo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo.

Gender/Jenda

Yerekana inshingano z'abagabo n'iz'abagore, nk'uko zagenwe mu miryango, aho abantu batuye n'umuco bagenderaho. Hakubiwemo kandi ibitegerejwe ku bagore no ku bagabo, mu rwego rw'ibibaranga, ibyo bashoboye n'imyitwarire (Igisobanuro baha kuba umgugabo/umugore).

Inshingano n'ibitegerejwe ku muntu mu rwego rwa *Jenda* birigwa/biratozwa. Bishobora guhinduka bitewe n'ibihe, n'ahantu n'umuco wa buri karere.

Jenda ni ikintu gikomeye cyane kuko, iyo ikoreshejwe mu gusesengura imibanire y'abantu n'abandi, yerekana uburyo umwanya w'abagore (gutegekwa) n'uw'abagabo (gutegeka) byigishwa aho umuntu abyirukira.

Kubera iyo mpamvu, gutegekwa bishobora guhinduka cyangwa bigahagarikwa. Ntibiri mu miterere y'umubiri cyangwa ngo bibe byarashyizweho ngo bizabeho ubuziraherezo.

Igitsina (Sex)

Ni imyanya karemano itandukanya umuhungu n'umukobwa. Iyi myanya ntabwo ihinduka.

<u>Icyitonderwa</u> **:**
Abantu benshi bakunze kwitiranya Jenda n'igitsina : sibyo kuko Jenda iratozwa, irigishwa, irahinduka kandi ikubiyemo imyitwarire n'amahame bitandukanye bitewe n'umuco w'aho umuntu yakuriye.
Akenshi usanga Jenda itozwa bitewe n'uko umuntu ari uw'igitsina Gabo cyangwa Gore.

Uburinganire hagati y'abagabo n'abagore

Bisobanura ko abagore n'abagabo bafite uburyo bwo kubaho bungana, kugira ngo bagire uburenganzira bwa muntu bwose kandi bagire uruhare n'inyungu mu iterambere ry'ubukungu, mu mibanire y'abantu n'abandi, mu muco no mu buyobozi bw'igihugu. Bityo rero, ivuga guha agaciro, amahirwe, inyungu bingana hagati y'abagabo n'abagorecyane cyane mu byo bemererwan'amategeko. buzuza.

Ubwuzuzanye

Ku bashakanye bisobanura ubwuzuzanye gahati y'umugabo n'umugore ku nshingano karemano nko kubyara, konsa, gutera inda n'ibindi. Bisobanura kandi kuzuzanya no mu mirimo, hagenderwa ku bushobozi n'impano zaburi muntu

mu igabana ry'imirimo,aho kuyigabana hagendewe ku gitsina nk'uko byagenwe n'umuco w'aho bakuriye.

<u>Icyitonderwa</u>

Nta murimo wagenewe umuntu kuko ari uw'igitsina gabo cyangwa gore, keretse inshingano karemano gusa.

IBIKWIYE GUHINDUKA

Hari imyitwarire, amahame n'amatwara mabi dutozwa n'umuco kuko uvutse uri ubuhungu cyangwa umukobwa.

Ibyo abagabo batozwa

Umuco nyarwanda wakunze kutoza abagabo kwiyumva mo ingufu, ubuyobozi, uburenganzira, ubwenge, ububasha bwo kuganza abandi kurusha abagore; ***amatwara mabi ya kigabo.***

Ibi byagaragaye ko biri mubituma abagabo bahohotera, kugeza ubwo kuba umugabo no guhohotera bifatwa na benshi nk'ibisanzwe.

Umuco uha ububasha abagabo bwo kuyobora umuryango (umutware w'umuryango) gusa bishingiye ko ari abagabo. Ibi bikaba byaratumye abagabo bamwe na bamwe bakoresha nabi ubwo bubasha bigasenya imiryango myinshi kandi bikabangamira iterambere ry'ingo zimwe na zimwe ndetse no muri rusange.
Ububasha bwo gutsikamira(Powerover)bugira ingarukak'utsikamiwe ariko n'utsikamiye nawe ntacyo yashoboragukora kuko atakaza umwanya we atsikamira.

Ibyo abakobwa batozwa

Abakobwa bakura batozwa kubaha abahungu, kwihanganira ihohoterwa (ni ko zubakwa), kwemera kurenganywa no kuganzwa n'abagabo n'indi nyitwarire ituma bumva ko bari munsi y'abahungu; kuba umugore bigasa no kwemera guhohoterwa.
Hari imvugo zibigaragaza; nko kuvuga ngo "*uruvuze umugore ruvuga umuhoro*", nta "nkoko kazi ibika isake ihari",...

Ubutumwa bw'ingenzi

Niba twifuza iterambere rirambye, ubuyobozi n'ubutware byagakwiye gushingira k'ubushobozi umuntu afite aho gushingira k'ububasha butangwa n'umuco ushingiye kuko umuntu ari uw'igitsinagore cyangwa gabo.

Igabana ry'imirimo ryagakwiye gushingira k'ubumenyi n'ubushobozi aho gushingira ku gitsina; nta murimo wagenewe igitsinagabo cyangwa gore. Aho bikwiye abagore n'abagabo buzuzanye kandi mu bwubahane.

Abagabo bagomba kuba icyitegererezo cy'ubuhamya bwiza bw'uburinganire hagati yabo n'abagore no guha imbaraga abagore

Abakobwa bakwiye kumva ko bashyigikiwe na basaza babo kandi ko nabo bafite uburenganzira, bashoboye kandi buzuzanya n'abahungu.